# Uzasaba Allah gupfa aharanira inzira ya Allah mu kuri, Allah azamugeza mu rwego rw'abapfuye baharanira inzira ya Allah, kabone n'iyo yapfa azize urw'ikirago

Hadith yaturutse kwa Sah'li Ibun Hunayfi (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Uzasaba Allah gupfa aharanira inzira ya Allah mu kuri, Allah azamugeza mu rwego rw'abapfuye baharanira inzira ya Allah, kabone n'iyo yapfa azize urw'ikirago."
[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko usabye Allah gupfa aharanira inzira ya Allah, akabisaba ari umunyakuri abikoranye umugambi mwiza wo kwishimirwa na Allah, Allah azamuzamura mu ntera y'abapfiriye mu nzira ya Allah kubera umugambi mwiza yabisabanye, kabone n'iyo yapfa azize urw'ikirago!

https://sunnah.global/hadeeth/rw/show/3157